

# Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

| Indwara / Ibyonnyi | Ibimenyetso | | Wayirwanya ute? | Uko bazivura | Ibipimo bikoreshwa |
|---|---|---|---|---|---|
| Indwara y'imvura (Milidiyu) |  | Amababi azana ibara risa nk'ivu ritose rikazahinduka nyuma nk'ivu ryijimye rikagenda rikwira hose. | -Simburanya ibihingwa neza.<br>-Hinga ubwoko bwihanganira iyi indwara.<br>-Vanaho ibisambo kugirango umwuka ubashe gutembera neza mu mababi.<br>-Tera umuti.<br>-Gutera umuti urimo Mancozeb+ Metalaxyl (Ridomyl, Victory,..)cyangwa gukoresha imiti irimo cuivre nka FUGURAN. | | 37.5g/15l z'amazi. |
| Kirabiranya iterwa na bagiteri |  | -Igihingwa kirarabirana nkaho cyatemwe mu mizi.<br>-Uruti rusohokamo umushongi w'umweru usa n'amata iyo urukase ukarushyira mu mazi. | -Hinga ubwoko bwihanganira ubu burwayi cyangwa ubangurire inyanya ku bwoko bwihanganira iyi ndwara.<br>-Wikomeretsa imizi cyangwa amababi mu gihe cyo gutera, gukuraho ibisambo,...<br>-Hinga mu butaka bwumutse.<br>-Randura igihingwa cyanduye ukimara kubona ibimenyetso. | | - |
| Virusi z'inyanya (Infunyarazi, mozayike) |  | Igihingwa kiragwingira, amababi akikunja, ibice by'amababi n'uruti bikuma, ndetse n'amababi akabemba. | -Rwanya udukoko dukwirakwiza ubu burwayi.<br>-Tera imbuto itarwaye.<br>-Wikomeretsa igihingwa mu gihe cyo gutera, cg gukuraho ibisambo. | | - |
| Ububore bwo mu ndiba y'urubuto |  | Buterwa n'ibura rya Calicium n'amazi mu butaka. | -Kuhira witonze mu gihe cy'ubushyuhe humagaye cyane cyane mu cyiciro cyo kuzana urubuto.<br>-Gukoresha ifumbire igereranyije ifite azote.<br>-Gushyira ishwagara mu butaka igihe ari ngombwa.<br>-Gusasira Ubutaka kugirango bugumane ubuhehere.<br>-Gutera ifumbire kumababi ifite kalisiyumu (Ca) nka $CaCl_2$ buri cy'umweru | | Vanga g 3 z'umuti muri l1 y'amazi |
| Inda / Uburima / Ubuhunduguru |  | Bufata cyane cyane amababi n'uruti bikiri bito, indabo n'amababi yo hasi. | -Gukikiza amasaka umurima w'inyanya<br>-Kubungabunga inshuti z'abahinzi (udukoko turya inda. Urugero: Utunyamacwende, urutambara,...)<br>-Kwirinda guhora ukoresha ubwoko bw'umuti umwe kuko inda ziwumenyera ntizipfe ahubwo zikororoka vuba.<br>-Gutera imiti yica udukoko nka Lambda-Cyhalothrin, imidacloprid, acetamiprid, abamectin, cyangwa nimbecidine (azadirachtin) | | Vanga ml 1 z'umuti muri litiro 1 y'amazi |
| Isazi y'umweru |  | Aka gasimba kanyunyuza amatembabuzi y'igihingwa kakanakwirakwiza virus nyinshi zitera iyi ndwara | -Kikiza amasaka umurima wawe kuko aryohera cyane agakurura inda zikava ku nyanya.<br>-Bungabunga inshuti z'abahinzi (udukoko turya inda. Urugero: Utunyamacwende, urutambara,...)<br>-Irinda guhora ukoresha ubwoko bw'umuti umwe kuko inda ziwumenyera ntizipfe ahubwo zikororoka vuba<br>-Gutera Lambda-Cyhalothrin, imidacloprid, acetamiprid,abamectin, nimbecidine(azadirachtin) | | Vanga ml 1 z'umuti muri litiro 1 y'amazi |